

Inyigisho ya Diyakoni Abel RUTAGANDA, sac mu misa ya I yo kuri Noheri 2020

(...) Amasomo matagatifu twumvise mu gihe cy'ibyumeru 4, byadufashije gutegura uyu munsi, yadushishikarizaga kwiyegurira Imana. Maze Uhoraho akatubera umubyeyi natwe tukamubera abana. Twanazirikanye kandi imibereho y'umuryango w'Imana, Isiraheli. Twasanze Umuryango w'Imana Isiraheli warabayeho mu buzima butandukanye. Haba mu buhingiro, haba mu bucakara ndetse no mu gihugu cy'isezerano. Mu mibereho y'umuryango w'Imana, icyari gikomeye cyane nuko mu bagize umuryango w'Imana, hari abatandukiriye, batangira kuvuga ko Imana ibari kure, maze biyubakira ibigirwamana. Batangira gusenga ibigirwamana. Imana ibonye ko batangiye gutandukira. Nibwo yohereje abahanuzi kugira ngo bababurire maze bagarukire Imana. Mu butumwa bw'abahanuzi, bongeyeho gushishikariza umuryango w'Imana, gutegura amayira ya Nyagasan. Bati : « Nimureke ibyo murimo ahubwo mutegure amayira ya Nyagassani, kuko Nyagasan aje kubakiza, aje kubaha ubugingo bw'iteka.

Uyu munsi rero turizihiza ivuka rya Yezu, Yezu yavutse ! Akaba ariwe Mukiza umuryango w'Imana wari utegereje. Uyu munsi rero ni umunsi w'agatangaza twibukaho Imana yigize umuntu, ntikiri ya Mana iri kure yacu, ahubwo iri kumwe natwe.

Amasomo y'uyu munsi aratwigisha cyane cyane uko isi iteye. Isi iteye gute ? Aranatwigisha uko isi yakiriye « Urumuri », arirwo Yezu Kristu.

Mu isomo rya I, Umuhanuzi Izayi, aratubwira ukuntu umuryango w'Imana wuzuye ibyishimo maze ugatangira gusenderezwa ibyishimo biturutse kuri Uhoraho, maze ugatangira gushimira Imana. Baragira bati : « Mbega ngo biraba byiza kureba ibirenge by'uzanye inkuru nziza, Uhoraho yaraducunguye, amahanga yose nabimenye, maze isi yose ironke agakiza k'Imana yacu. »

Murumva rero ko ari urugendo rurerure. Bamwe bari batangiye gutandukira, abandi bagasigara ku mahame ya Nyagasan, noneho bemeye ko Uhoraho yatashye mu ngo zabo, maze biyemeza kumwamamaza hose. Bati : « Isi yose nimenye ko Uhoraho yatsinze , ntitukiri mu bucakara ahubwo arikumwe natwe. Isi yose nironke agakiza k'Umukiza wacu »

Bavandimwe, kuri uyu munsi w'agakiza, ni gute isi yose yamenya ko Uhoraho yadukijije maze ikaronka agakiza ? Ni gute buri wese yakwamamaza bikorwa byiza by'Uhoraho cyane cyane muri ibi bihe bidasanzwe bya coronavirusi ? Nigute twakwamamaza inkuru nziza mu bantu ? Maze isi ikemera ko Uhoraho yatsinze.

Kubera ko bamwe muri twe bagiye batandukira, ntibamenye ko Uhoraho yatsinze, nyiyo mpamvu munsi harimo abataremeye urumuri, bityo bakaguma mu mwijima. Nibyo twumvise mu Ivanjiri y'uyu munsi : Jambo, Umukiza wacu, Yezu Kristu, ni Imana yigize Umuntu maze ikabana natwe. Aha Yohani aratwigisha neza ko atari Imana ya kabiri yaje mu isi, ahubwo ni ya Manaabantu bumvaga ko iri kure yabo, niyo yigize umuntu maze ibana natwe. Byumvikane rero ko mu muryango w'Imana, cyari ikintu

gikomeye, kumvisha ba bandi bari batangiye gutandukira, ko Umukiza wacu waje atari Imana ya kabiri. Ahubwo ni ya Mana yigize umuntu, maze ibana natwe.

Bavandimwe, mu buzima bwa muntu hari gihe natwe dutekereza ko Imana iri kure yacu, ndetse ikaba itwumva bigoranye. Akensi umuryango w'Imana wumvikanye usaba Uharaho ngo ngwino udukize ababisha, ngo ngwino udukize. Uhoraho rero yohereje abahanuzi, barahanura yeee, ariko Uhoraho ahitamo kohereza umwana wayo. Ati « Reka nohereze Umwana wanjiye wenda we bazamwumva ! »

Uyu munsi rero ni umunsi mwiza wo guhamya ukuza kwa Nyagasan. Ariko rero n'ubwo Imana iri kumwe natwe, hari ikintu yaturemanye kijya kitubera cyiza, ariko hari igihe tutabimenza bikaba bibi. Imana yaturemanye uburenganzira busesuye bwo kwishyira ukizana, nibwo Imana yaturemanye kugira ngo tubashe gukora icyiza. Ariko umuntu yaranangiye, umuntu yubatse muri we umwijima. Muri bwa burengenzira Imana yaturemanye busesuye niho umuntu agomba guhitamo icyiza, niho umuntu agomba guhitamo icyiza akareka ikibi , agahitamo urumuri akava mu mwijima.

Uyu munsi rero turizihiza Yezu watuvukiye, ni Urumuri rugomba kutumurikira. Ese twebwe turi hano twakira gute urwo Rumuri ? Yezu Kristu Umukiza wacu ? Ni akanya keza rero ko kwibaza ukuntu twakiriye urwo Rumuri, mu mitima yacu no mu miryango yacu. Ese aho ntitiwaba twarakiriye urwo rumuri twarangiza tukarupfuka, tukanaruba kumurikira abandi ? Ni gute twakira urumuri kigira ngo rumurikire n'abatararumenya ? Niyo mpamvu rero ubuzima bwacu bw'abakristu, bugomba kunogera bose, bukabera abandi urugero, kubera ko ni ubuzima bwuzuye urumuri.

Ariko bajya bavuga ngo « akuzuye umutima gasesekara ku munwa. » niba mu mutima wacu nta rumuri rurimo, niba tutarakiriye Yezu Kristu nk'Umukiza wacu, byagorana kugira ngo ubuzima bwacu bumurikire abandi. Byagorana ! Nta muntu utanga icyo adafite. Ariko bavandimwe, hari ibantu bibiri bitadukanye : gushaha urumuri no kwemera kurutahamo. Ubu rero, icyo dusabwa ni ugutuza tugasenga Imana yacu, maze tugafungura imitima yacu. Yezu watuvukiye uyu munsi agataha mu mitima yacu. Twese rero duhamagariwe gufungura imitima yacu. Bivoroshye gushakashaka Yezu ahantu hose (mu madini atandukanye mu buzima butandukanye), ariko twibagirwa kumufungurira umutima wacu. Ntabwo washaka Yezu ufite umutima ufunze. Dufungure imitima yacu Yezu adutahemo, aduturemo ; bityo ka kuzuye umutima kazasesekara ku munwa. Bwa buzima bwacu Yezu yatashyemo buzabera abandi intangarugero, buzabera abandi urugero rwiza, maze abatubona babone ko Ingoma y'Imana iri mu bantu.

Bavandimwe , Yezu watuvukiye uyu munsi, afite ubuntu n'ukuri. N'abamukuriye n'abamwakiriye, bagomba kurangwa n'ubuntu n'ukuri. Nizo ngabire turi busabe muri iki gitambo cya misa :Twige kugwa neza, twige kugira ubuntu n'ukuri kuko aribyo biranga Umukiza watuvukiye. Uyu munsi rero wa Noheri, turahamagarirwa kugira ubuntu n'ukuri. Bavandimwe nanjiye mbifurije kugira ubuntu n'ukuri. Tujye dushakisha, tujye duharanira kugwa neza mu buzima bwacu.

Mu ibaruwa yandikiwe Abahabureyi, twumvise ko Imana itubwira ko turi abana bayo, niyo yatwibyariye, ni urundi rugero rwiza rw'abakristu kwerekana ko turi abana b'Imana. Twakwemera ko turi abana b'Imana ariyo yatwibyariye, tukaba duhuriye mu muryango umwe ariwo kiliziya yacu. Niba rero turi mu muryango umwe, ariyo kiliziya yacu, byumvikane ko tugomba gusenyera umugozi umwe. Ibi bihe

turimo, biranadusaba gusenyera umugozi umwe nk'abari mu muryango umwe, ariwo kilizya. Tukirinda , tukarinda n'abandi. Ibi bihe turimo twasanze umuntu ku git cye, ntacyo yakwigezaho. Uyu munsi rero, Imana iratwibutsa ko turi abana bayo, ko ariyo yatwibyariye, natwe tukemera ko turi abana bayo , turi mu mu muryango umwe, tugasenyera umugozi umwe. Mu gusenyera umugozi umwe nibwo tuzagira ubuntu n'ukuri, bityo urumuri twakiriye, twakiriye mu gihe cya batismu rukadufasha kumurikira bandi, Yezu agataha imitima yacu, natwe tukamubamo, maze Ingoma y'Imana ikogera mu bantu. Ni umunsi rero w'ibyishimo, tugombwa gusangira n'abandi, ku buryo uwutubonye, n'ubwo turi muri ibi bihe bikomeye, akibuka ko Imana yigize umuntu.

Mbere twagiraga akanya ko gusabana noheri, uti : « I wanyu se hari Noheri tuze tuyisangire ? » None twifatanye nabo mu masengesho, tubibuke, abatabashije kuza muri iki gitambo cy'Ukarisitiya N'abo turi buvugishe, twibukiranye ko turi mu muryango umwe tugomba gusenyera umugozi umwe, tukagira ubuntu n'ukuri, bityo ubuzima bwacu bukamurikira abakiri mu mwijima. Maze abanyantege nkeya, tukagendana nabo mu rugendo rwo kwitagatifuza.

Mugire umunsi mwiza.

Nyagasani Yezu nabane namwe